



INYANDIKO NSOBANURAMPAMVU KU KWEZI KWAHARIWE IBIKORWA BY' URUBYIRUKO RW'ABAKORERABUSHAKE

1.INTANGIRIRO

Urubyiruko ni imbaraga z'igihugu zubaka kandi vuba. Urubyiruko rw'abakorerabushake mu gukumira no kurwanya ibyaha (RYVCP) ni urunana rw'urubyiruko rukunda igihugu, rwiyeje guteza imbere imibereho myiza n'iterambere ry'ubukungu by'igihugu, ndetse no gushimangira umutekano w'abaturage. Buri mwaka, mu kwezi k'Ukwakira, RYVCP ku bufatanye na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'igihugu (MINALOC), Minisiteri y'Urubyiruko n'iterambere ry'Ubuhanzi (MOYA), Polisi y'igihugu (RNP) n'abandi bafatanyabikorwa b'ingenzi, bategura "Ukwezi kwahariwe ibikorwa by'Urubyiruko rw'Abakorerabushake."

Uko kwezi ni igihe cyihariye kigamije gukangurira urubyiruko uruhare rwarwo, kurwongerera ubushobozi no kuruzamurira imyumvire, no kuruha umwanya wo kugaragaza umusanzu ukomeye rushobora kugira mu mpinduka nziza. Muri uyu mwaka wa 2026, ukwezi kwahariwe ibikorwa by'urubyiruko rw'abakorerabushake kuzaba kuva tariki ya 01 kugeza tariki 31 Ukwakira. Uko kwezi kuzaba gufite insanganyamatsiko igira iti: **"Urubyiruko rw'abakorerabushake ku isonga mu iterambere ry'umuturage"**.

2.INTEGO RUSANGE

Ukwezi kwahariwe ibikorwa by'ubukorerabushake mu rubyiruko gutegurwa hagamijwe gukomeza gukangurira urubyiruko kugira uruhare mu iterambere ry'igihugu cyacu binyuze mu bikorwa by'ubukorerabushake.

3.INTEGO ZIHARIYE

Kwimakaza no gushimangira umuco w'ubukorerabushake

b)Kurushaho gushimangira uruhare rw'urubyiruko rw'abakorerabushake mu iterambere ry'igihugu

c)Gukemura ibibazo bibangamiye imibereho myiza y'abaturage bigizwemo uruhare n'urubyiruko

d)Gushimangira ubwuzuzanye bw'inzego bwite za Leta, izitari iza Leta n'ubukorerabushake mu iterambere ry'igihugu

e)Kwifatanya n'isi yose kwizihiza umunsi mpuzamahanga w'ibikorwa by'ubukorerabushake (International Volunteer Year 2026)

4.BIMWE MU BIKORWA BIZIBANDWAHO

■ Ubukangurambaga

- a)Kurwanya ibiyobyabwenge n'inzoga zitujuje ubuziranenge (Hehe n'icyuma)
- b)Ubukangurambaga ku kurwanya ibyaha (Crime Prevention)
- c)Kugira uruhare mu migendekere myiza y'Amatora.
- d)Kurwanya Ubusinzi (Tunywe Less)
- e)Kwigisha umuco w'Ubukorerabushake no gukunda Igihugu mu Rubyiruko
- f) Gusubiza abana mu ishuri
- g)Gukangurira urubyiruko n'Umuryango nyarwanda muri rusange gusigasira indangagaciro na kirazira by'umuco Nyarwanda (anti-Degeneration)
- h) Gukomeza gukangurira urubyiruko gukomeza kwibumbira mu ma koperative
- i)Gushishikariza urubyiruko gukoresha neza Imbuga nkoranyambaga
- j)Kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'inda ziterwa abangavu
- k) Kurwanya ikoresheya ry'ibizwi nk'ibiryabarezi mu baturage

■ Gukomeza gukora ibikorwa bifasha gukemura ibibazo byugariye abaturage (Human security issues)

Muri uku kwezi kwahariwe ibikorwa by'urubyiruko rw'abakorerabushake, (Youth Volunteers) tuzakomeza ibikorwa bigamije gukemura ibibazo bibangamiye imibereho myiza y'abaturage birimo ibi bikurikira:

- a) Kubakira abatishoboye amacumbi, gusana ayangiritse, kububakira ubwiherero no gusana ubwangiritse.
- b)Kubaka imirima y'igikoni muri gahunda yo gukomeza kurwanya imirire mibi n'igwingira mu bana
- c)Gutera ibiti bivangwa n'imyaka n'ibitavangwa n'imyaka bifata ubutaka.
- d)Gucukura imirwanyasuri mishya no gusibura iyari isanzwe ya sibamye
- e)Kuremera no koroza imwe mu miryango itishoboye.

■ Gukomeza gushishikariza urubyiruko umuco w'ubukorerabushake

Umuco w'ubukorerabushake uzakomeza kwigishwa mu rubyiruko kugira ngo umubare w'abitabira ibikorwa by'ubukorerabushake wiyongere.

■ Gufatanya n'Uturere gushyira mu bikorwa Imihigo

Uretse ibikorwa byagaragajwe haruguru, buri Karere kazateganya ibindi bikorwa bishobora gukorwa muri uku kwezi gashingiye ku mihigo gafite n'ibibazo byihariye bya buri Karere.

5.IBITEGANYIJWE KUGERWAHO

Ukwezi kwahariwe ibikorwa by'urubyiruko rw'Abakorerabushake kuzafasha mu kuzamura imyumvire y'Abanyarwanda ku muco w'ubukorerabushake no gusobanukirwa ubufatanye bukenewe hagati y'inzego zitandukanye mu guteza igihugu imbere. Mu buryo bwihariye, Ukwezi kw'ibikorwa by'Urubyiruko rw'Abakorerabushake kuzagera kuri ibi bikurikira:

- a)Imyumvire izamutse ku muco w'ubukorerabushake cyane cyane mu rubyiruko no ku ruhare

rwabo mu gukemura ibibazo byugarije imibereho myiza y'abaturage.

b)Ibibazo bibangamiye imibereho byiza y'abaturage byakemutse binyuze mu bukorerabushake

c)Ubufatanye burushijeho hagati yurubyiruko rw'abakorera bushake, inzego za Leta n'abandi bafatanyabikorwa mu kubaka igihugu

d)Imyumvire izamutse ku muco wo kwigira no kwishakamo ibisubizo

6.UKO BIZAKORWA N'INGENGABIHE

- Ibikorwa binyuranye bizakorwa muri uku kwezi ni ibikorwa by'imirimo y'amaboko bizajya bihuza abantu banyuranye kugira ngo bishakemo ibisubizo by'ibibazo biri ahatoranyijwe muri buri Karere, Umurenge, Akagari cyangwa se umudugudu.
- Mu bikorwa bizakorwa, hari ibyo urubyiruko rw'abakorera bushake bazahuriramo n'abandi bafatanyabikorwa
- Gutangiza kumugaragararo ukwezi kwahariwe ibikorwa byurubyiruko rw'abakorera bushake ku rwego rw'Igihugu bizabera mu muji wa Kigali, gusorezwe mu ntara y'amajyepfo.
- Uku kwezi kuzatangizwa kuwa 1 Ukwakira gusozwe kuwa 31 Ukwakira 2026 mu turere twose tugize igihugu cyacu nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira :

S / N	IGIHE	IBIKORWA BITEGANYIJWE	AHO BIZABERA	ABAFATANYA BIKORWA
1	1-15/10/2026	● Ubukangurambaga ● Kurwanya ibiyobyabwenge n'inzoga zitujye ubuziranenge (Hehe n'icyuma) ● Ubukangurambaga ku kurwanya ibyaha (Crime Prevention) ● Kugira uruhare mu migendekere myiza y'Amatora. ● Kurwanya Ubusinzi (Tunywe Less) ● Kwigisha umuco w'Ubukorerabushake no gukunda Igihugu mu Rubyiruko ● Gusubiza abana mu ishuri	Uturere twose	MINALOC, RNP, MOYA, MINEMA, MINISANTE, RDF, INZEGO Z'IBANZE, NYC, PSF

		• Gukangurira urubyiruko n' Umuryango nyarwanda muri rusange gusigasira indangagaciro na kirazira by'umuco Nyarwanda (Degeneration) • Gukomeza gukangurira urubyiruko gukomeza kwibumbira mu ma koperative • Gushishikariza urubyiruko gukoresha neza Imbuga nkoranyambaga • Kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina n' inda ziterwa abangavu		
2	16-31/10/2026	• Kubakira abatishoboye amacumbi, gusana ayangiritse, kububakira Ubwihereho no gusana ubwangiritse. • Kubaka imirima y' igikoni muri gahunda yo gukomeza kurwanya imirire mibi n'igwingira mu bana • Gutera ibiti bivangwa n'imyaka n' ibitavangwa n'imyaka bifata ubutaka. • Gucukura imirwanyasuri mishya no gusibura iyari isanzwe ya sibamye	Uturere twose	MINALOC, RNP, MOYA, MINEMA, MINISANTE, RDF, INZEGO Z'IBANZE, NYC, PSF

		• Kuremera no koroza imwe mu miryango itishoboye.		
--	--	---	--	--

6.UBUFATANYE BWHARIYE N’INZEGO Z’IBANZE

Kugira ngo ibikorwa biteganyijwe muri uku kwezi bizatange umusaruro kurushaho, inzego z’ibanze zirasabwa kubigiramo uruhare no kurushaho gukorana n’urubyiruko rw’abakorerabushake.
Turasaba, Uturere kubona bimwe mu bikoresho by’inyongera byakenerwa nko kubona amabati, inzugi , amadirishya , ibiti, ciment,... byo kubakira abatishoboye.

7.IKURIKIRANABIKORWA

Gukurikirana imigendekere y’ibi bikorwa, bizakorerwa hirya no hino mu turere twose tw’igihugu. Bizakorwa na RYVCP ku rwego rw’Igihugu ku bufatanye na MINALOC, RNP, na MOYA.

Signature

Youth Volunteers in Community Policing Specialist	Vianney KABANDA	(Drafter)	2026-09-18 11:45:27.0	
Permanent Secretary	Bob GAKIRE	(Approver)	2026-09-18 12:00:09.423	 

